Igicumbi – Voix des Rescapés du génocide contre les Tutsi, AISBL

Chaussée de Roodebeek 206

1200 Woluwe-Saint-Lambert

Bruxelles, Belgique

E-mail address : igicumbi21@protonmail.com 19 Mata, 2025

___________________________________

**Itangazo no 0419042025 ry'Ishyirahamwe IGICUMBI - Voix des Rescapés du Génocide contre les Tutsis:**

**IGICUMBI cyambuye ubutegetsi bwa FPR umwanya w'ubuvugizi mu byerekeye kwibuka n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi bwihaye**

Twebwe IGICUMBI - Voix des Rescapés du Génocide contre les Tutsi, ishyirahamwe mpuzamahanga ryigenga ry'Abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi rifite ubuzima gatozi, intebe yaryo ikaba mu gihugu cy'Ubuligi, rifite nomero ya 768 774092, rikagira intego yo « guharanira ubutabera n'ukuri kuri jenoside yakorewe Abatutsi mu nzego zose », rikaba ryariyemeje « kuba ijwi ry'Abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi mu ngeri zitandukanye, cyane cyane aho andi mashyirahamwe asanzweho yagombye kubahagararira ariko agahitamo kuruca akarumira cyangwa agashyigikira ubutegetsi bwa FPR ndetse n'igihe bibangamiye Abarokotse »,

Dushingiye kuri ibi bikurikira kandi biteye inkeke cyane :

1) Ubutegetsi bwa FPR ntibwigeze buhwema kwica Abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi. Ntibwahwemye kwica, kandi mu buryo buteguwe neza, abagafashije abatishoboye muri bo mu rugamba rwo guhangana n'ibibazo byabo nk'Abarokotse, kandi

bakababereye icyitegererezo n'abajyanama (ku ngero z'abishwe, reba ibaruwa ifunguye IGICUMBI cyandikiye Perezida Paul Kagame muri Werurwe 2024 : https://justice-survivors.com/wp-content/uploads/2024/03/3-open-letter-addressed-to-president-paul-kagame-by-the-igicumbi-association-on-march-12-2024.pdf). Ku ruhande rumwe, ubwo bwicanyi bugaragara nk'ubugamije kugira Abarokotse ababata b'ubwo butegetsi. Ku rundi ruhande, ubutegetsi bwa FPR ntibwahwemye kwica Abarokotse kugirango buhozeho icyoba cy'ubwicanyi bwibasira Abarokotse cyangwa Abatutsi muri rusange, haba mu Rwanda ndetse no mu bindi bihugu, ngo bityo bubone impamvu n'ibisobanuro by'ibikorwa by'imidugararo n'intambara z'urudaca buhoramo. Itangazo ry'IGICUMBI ryashyizwe ahagaragara ku itariki ya 27 Ugushyingo 2024, rikongera guhuzwa n'ibyakurikiye iyo tariki rigasohoka ku itariki ya 2 Mutarama 2025 (mu nyandiko : Mise au point de l'Association IGICUMBI.pdf cyangwa mu ijwi n'amashusho : https://www.youtube.com/watch?v=N8ZBapi6EYg) ryashize ahagaragara ingero za bamwe mu bishwe muri ibi bihe bya vuba ;

2) Ubutegetsi bwa FPR bwakunze gutoteza kandi bukomeje gutoteza Abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi, bubahutaza cyangwa bubahungeta mu buryo butandukanye : kubambura no kubasenyera ibyabo, kubahoza mu manza zibahimbira ibyaha kugirango bubacecekeshe, imanza zigera no ku kugereka kuri bamwe muri bo ibyaha byo guhakana, gupfobya cyangwa guha ishingiro jenoside barokotse kandi yahitanye benshi mu babo cyangwa ababo bose kuri bamwe. Ni muri ubwo buryo Déogratias Mushyayidi, Yvonne Idamange Iryamugwiza, Aimable Karasira Uzaramba bakomeje kuborerera mu munyururu, bakaba bafunzwe mu buryo buteye isoni n'agahinda, nyuma yo gukatirwa ibihano biremereye bigera ku gifungo cya burundu cyangwa se bakaba bafunzwe imyaka n'imyaka batarakatirwa;

3) Ubutegetsi bwa FPR bwabibye amacakubiri mu Barokotse, busenya ubufatanye bwari inkingi y'ingenzi mu guhangana n'ingaruka nyinshi basigiwe n'amahano ya jenoside kandi bwakabafashije kugena imikorere n'ingamba zo kwibuka ababo bashyize hamwe kandi mu bwumvikane ;

4) Ubutegetsi bwa FPR bwinjiriye amashyirahamwe y'Abarokotse hafi yose, buyatesha intego zayo, buyagira ibikoresho by'icengezamatwara no gutoteza abatavuga rumwe na bwo, byaba ari byo koko cyangwa bwaba bubibitirira gusa. Uko kuyigarurira no kuyatesha umurongo byageze n'aho yisanga ayobowe n'abatari mu Barokotse jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa imiryango yayo yarafunguriwe abagize uruhare muri jenoside FPR ikingiye ikibaba ibahembera kuba ababata bayo, bayikorera ibyo yifuza byose. Iyo mikorere yuje ubugome n'ubukeca ntiryanisha Abarokotse gusa, ahubwo inabateranya n'abenegihugu bagenzi babo b'Abahutu, bikabangamira imibanire irangwa n'amahoro, ubwumvikane no kutagendana ipfunwe ;

5) Ubutegetsi bwa FPR bwigize abarinzi b'ukwibuka (mémoire) n'amateka ya jenoside yakorewe Abatutsi, buyiremera uburyo bwo kuyivuga bushingiye ku migambi yayo ya politiki, kandi ubwo buryo Abarokotse akaba ari bwo bategekwa kuyivugamo no kuyibukamo aho kuyivuga no kuyibuka uko bayizi, bayibayemo nyakuri. Uku kwambura Abarokotse amateka y'amahano bakorewe ngo akoreshswe mu zindi nyungu ni igitutsi no kwanduza ayo mateka ku buryo bukomeye ;

Dushingiye ku kuba aka kaga kamaze igihe kirekire, dore ko katangiranye n'intambara FPR yashoje mu 1990, Abatutsi bayigiyemo baturutse mu Rwanda bakicirwa ku bwinshi mu ishyamba hagati ya 1990 na 1994, nyuma ya 1994 urubyiruko rwarokotse rugakomeza kwicirwa mu ntambara rurohwamo n'abayobozi bakuru b'ingabo z'Urwanda barujyana mu gisirikare babanje kurushuka barwumvisha ko hari inshingano zo gukorera igihugu rwihariye nk'Abarokotse, ko kubera ibyo ikiraka cy'intambara nikiboneka ari rwo ruzahamagarwa mbere ;

Dushingiye ku kuba ayo mabi yose FPR ikorera Abarokotse yiyongera ku kuba uruhare yagize muri jenoside rugenda rurushaho kugaragarira buri wese, cyane cyane ushingiye ku ihanurwa ry'indege yarimo Perezida Habyarimana ryakomye imbarutso ya jenoside, ugashingira ku kuba FPR yaritambitse imbere y'umugambi w'Umuryango w'Abibumbye washakaga kohereza ingabo zo gutabara abahigwaga (reba ibaruwa yasinywe kandi igashyikirizwa uwo muryango na Claude Dusaidi na Gerald Gahima mu izina rya FPR: DusaidiGahimaRPF30April1994.pdf). Twibutse ko jenoside yari itaramara n'ukwezi kose itangiye, nyuma y'aho ikaba yarakomeje, ikarenza amezi atatu yapfuyemo ibihumbi bibarirwa mu magana y'Abatutsi ;

Dushingiye ku kuba hejuru y'ayo mahano, igihe cyose twagejeje impungenge zacu kuri FPR muri rusange cyangwa se ku bayobozi bayo harimo na Perezida Paul Kagame ibisubizo byarabaye agasuzuguro cyangwa gutabaza kwacu bakabigira impamvu yo kudutoteza kurushaho no kurushaho kutubibamo umwiryane ;

Dushingiye ku kuba amakimbirane ari mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Congo yarahaye FPR urwaho rudasanzwe rwo kugira igikoresho jenoside yakorewe Abatutsi, kugeza n'aho yirara muri bagenzi bacu twarokokanye ikabica (nk'uko duherutse kubigarukaho mu itangazo ryitwa « Mise au point » twakomojeho haruguru) igamije gukaza inyigisho zayo zishoza intambara (propagande guerrière/war propaganda),

inyigisho zanatumye icyoba cy'amahano y'ubwicanyi kirushaho gukwira, n'ubu kikaba kitarashira ;

Dutangaje kandi tumenyesheje Abanyarwanda bose n'isi yose ibi bikirukira :

1) IGICUMBI twamaganye twivuye inyuma ububasha FPR yihaye bwo kwigira abahagarariye kwibuka (mémoire) n'amateka ya jenoside yakorewe Abatutsi ;

2) IGICUMBI twamaganye twivuye inyuma kuba FPR yaragize igikoresho cy'inyungu zayo kwibuka (mémoire) n'amateka ya jenoside yakorewe Abatutsi, kandi duhereye kuri ibyo tuyambuye uwo mwanya w'ubuvugizi yihaye, mbese yambuye ba nyirawo ;

3) IGICUMBI dusabye isi yose kutazongera gufata FPR nk'umufatanyabikorwa ukwiye cyangwa wo kwizera mu byerekeye kwibuka (mémoire), amateka ya jenoside yakorewe Abatutsi no guhagararira Abayirokotse ;

4) IGICUMBI turashishikariza bagenzi bacu twarokokanye jenoside yakorewe Abatutsi kugana iyo nzira twiyemeje kuko guhera ubu tubujije abanyapolitiki kwivanga mu by'amateka no kwibuka jenoside, bategeka uburyo bigomba gukorwa cyangwa bakabikora batabifite ku mutima ahubwo bifitiye izindi nyungu bashyize imbere ;

5) IGICUMBI dusabye isi yose kuba maso no kurebana ubushishozi ishyano ry'ubwicanyi cyangwa rya jenoside FPR idahwema kuvuga ko rigiye kugwa. Amateka yarabitweretse, igihe cyose ishobora kubikuramo inyungu , FPR ntitinya gukora ubwicanyi, bwaba ubw'Abarokotse cyangwa abandi bantu, igashaka abo ibugerekaho kugirango nyine igere kuri izo nyungu;

6) IGICUMBI, dufatanyije na bagenzi bacu twarokokanye jenoside yakorewe Abatutsi ubwabo, kuva ubu ni twe dufashe uwo mwanya wo kuba abarinzi bo kwibuka (mémoire) n'amateka ya jenoside yakorewe Abatutsi kandi tuzabikora tunihitiramo ubwacu abafatanyabikorwa bakwiye.

**Rishyizweho umukono na:**

Philippe Basabose

Dr. Philippe Basabose, Perezida

IGICUMBI – Voix des Rescapés du Génocide contre les Tutsi, AISBL

**Bimenyeshejwe :**

1) Nyakubahwa António Guterres, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye

2) Nyakubahwa António Luis Santos da Costa, Perezida w'Inama y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Bulayi

3) Nyakubahwa Alessandro Chiocchetti, Umunyamabanga Mukuru w'Inteko y'Abadepite y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Bulayi

4) Nyakubahwa Donald Trump, Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika

5) Nyakubahwa Mike Johnson, Perezida w'Inteko ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika

6) Nyakubahwa Lucy Maria Powell, Perezida n'Umuyobozi w'Inama y'Inteko y'Ubwongeleza

7) Nyakubahwa Mark Carney, Minisitiri w'Intebe wa Canada

8) Nyakubahwa Emmanuel Macron, Perezida wa Repubulika y'u Bufaransa

9) Nyakubahwa Bart De Wever, Minisitiri w'Intebe w'u Bubiligi

10) Nyakubahwa Olaf Scholz, Umukuru wa Guverinoma y'u Budage

11) Nyakubahwa Greg Fergus, Perezida w'Inteko y'Abadepite, Canada

12) Nyakubahwa Yaël Braun-Pivet, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Bufaransa

13) Nyakubahwa Martin Bosma, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Buholandi

14) Nyakubahwa Maja Riniker, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Busuwisi

15) Nyakubahwa Peter De Roover, Perezida w'Inteko y'Abadepite y'u Bubiligi

16) Nyakubahwa Shirley Ayorkor Botchwey, Umunyamabanga Mukuru wa Commonwealth

17) Nyakubahwa Marco Rubio, Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika

18) Nyakubahwa Mélanie Joly, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Canada

19) Nyakubahwa Dorothy C. Shea, Ambasaderi wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Muryango w'Abibumbye

20) Nyakubahwa João Manuel Gonçalves Lourenço, Perezida w'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika

21) Nyakubahwa Volker Türk, Intumwa Nkuru y'Umuryango w'Abibumbye ushinzwe Uburenganzira bw'ikiremwamuntu

22) Nyakubahwa Filippo Grandi, Intumwa Nkuru y'Umuryango w'Abibumbye ushinzwe Impunzi

23) Bwana Federico Borello, Umuyobozi w'agateganyo wa Human Rights Watch

24) Dr. Agnès Callamard, Umunyamabanga Mukuru wa Amnesty International

25) Nyakubahwa James P. McGovern, Perezida wa Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ya Tom Lantos

26) Nyakubahwa Christopher H. Smith, Perezida wa Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ya Tom Lantos

27) Nyakubahwa Veronica Nduva, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Afurika y'Uburasirazuba

28) Nyakubahwa Emmerson D. Mnangagwa, Perezida wa SADC

29) Nyakubahwa Rémy Ngoy Lumbu, Perezida wa African Commission for People's and Human Rights

30) Mme Alice Mogwe, Perezida w'Umuryango Mpuzamahanga w'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu (FIDH)

**Bimenyeshejwe kandi:**

1) Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda & Perezida wa FPR-Inkotanyi
2) Nyakubahwa Gertrude Kazarwa, Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda
3) Nyakubahwa Wellars Gasamagera, Umunyamabanga Mukuru wa FPR-Inkotanyi